Repubulika y'u Rwanda
Intara y'Amajyaruguru
**Akarere ka Gicumbi**

Gicumbi, ku wa 08/04/2025
N° 046/04.05/NJY./01

Bwana Guverineri w'Intara y'Amajyaruguru
***MUSANZE.***

**IMPAMVU**: ***Kubagezaho Imyanzuro y'Inama idasanzwe y'Inama Njyanama y'Akarere ka Gicumbi yo kuwa 31 Werurwe 2025 .***

Bwana Guverineri,

Nshingiye ku itegeko N0 065/2021 ryo kuwa 09/10/2021 rigena Akarere mu ngingo yaryo ya 18;

Nejejwe no kubandikira ngira ngo mbagezeho imyanzuro y'Inama idasanzwe y'Inama Njyanama y'Akarere ka Gicumbi yateranye tariki 31 Werurwe 2025 kugira ngo mugire icyo muyivugaho mbere y'uko itangira gushyirwa mu bikorwa.

Mugire amahoro.

**NTAGUNGIRA Alexis**
Perezida w'Inama Njyanama y'Akarere ka Gicumbi.

Bimenyeshejwe:
- Bwana Minisitiri w'Ubutegetsi bw'Igihugu - ***KIGALI.***
- Bwana Umuyobozi w'Akarere ka Gicumbi - ***GICUMBI.***

## IMYANZURO Y'INAMA IDASANZWE Y'INAMA NJYANAMA Y'AKARERE KA GICUMBI YO KUWA 31 WERURWE 2025.

Ku wa mbere taliki ya 31 Werurwe 2025 guhera saa yine n'igice za mu gitondo (10h30) mu cyumba cy′Inama Njyanama y'Akarere hateraniye inama idasanzwe y'Inama Njyanama y′Akarere ka Gicumbi, iyobowe na Perezida wayo Bwana **NTAGUNGIRA Alexis.** Inama yitabiriwe n′Abajyanama **17/17**.

**INGINGO ZARI KU MURONGO W'IBYIGWA**:

1. Gusuzuma no kwemeza Inyandikomvugo y'Inama Njyanama yo kuwa 09.02.2025
2. Gusuzuma no kwemeza raporo y'ishyirwa mu bikorwa ry'imyanzuro y'Inama Njyanama y'Akarere ka Gicumbi yo kuwa 20/12/2024;
3. Gusuzuma no kwemeza raporo y'ibikorwa bya za Komisiyo zigize Inama Njyanama y'Akarere ka Gicumbi kuva mu kwezi kwa Mutarama -Werurwe 2025;
4. Gusuzuma ishyirwa mu bikorwa ry'imihigo y'Akarere umwaka wa 2024-2025;
5. Gusuzuma icyegeranyo cy'ibyavuye mu Kwezi k'Umujyanama;
6. Gusuzuma aho imyiteguro yo Kwibuka ku nshuro ya 31 Jenoside yakorewe Abatutsi mu 1994;
7. Gusuzuma no kwemeza:

    a. Amabwiriza agenga imikorere y'Utubari n'ubundi bucuruzi bujyanye n'imyidagaduro mu Karere ka Gicumbi;
    b. Amabwiriza agenga imicungire y'amasoko mu Karere ka Gicumbi;
    c. Amabwiriza agenga imicungire y'amarimbi mu Karere ka Gicumbi.

Inama idasanzwe y'Inama Njyanama y'Akarere ka Gicumbi imaze gusuzuma ingingo zari k'umurongo w'ibyigwa yafashe imyanzuro ikurikira:

| Ingingo zaganiriwe | Imyanzuro yafashwe n'Inama Njyanama y'Akarere | Urwego ruzayishyira mu bikorwa. | Igihe ntareng |
|---|---|---|---|
| **01. Gusuzuma no kwemeza inyandiko y'Inama Njyanama y'Akarere ka Gicumbi yo kuwa 09 Gashyantare 2025** | **01.** Inama Njyanama y'Akarere ka Gicumbi yemeje inyandikomvugo y'inama idasanzwe y'Inama Njyanama yo kuwa 09 Gashyantare 2024 bamaze kuyikorera ubugororangingo. | Inama Njyanama y'Akarere ka Gicumbi | Igihe cyo |
| **02. Gusuzuma no kwemeza raporo y'ishyirwa mu bikorwa ry'imyanzuro y'Inama Njyanama y'Akarere ka Gicumbi yo kuwa 20/12/2024** | **02.** Nyuma yo kugezwaho uko imyanzuro y'Inama y'Inama Njyanama y'Akarere ka Gicumbi yo kuwa 20/12/2024 yagiye ishyirwa mu bikorwa; Inama Njyanama y'Akarere yashimye uko Ubuyobozi bw'Akarere ka Gicumbi bwagiye bushyira mu bikorwa imyanzuro yafashwe n'Inama Njyanama yo kuwa 20/12/2024 hashyirwa muri raporo ibipimo bikwiye ku buryo imyanzuro 17/23 bigize 73.9% yashyizwe mu bikorwa, maze basaba Komite Nyobozi y'Akarere gukomeza gushyira mu bikorwa imyanzuro itararangira. | Komite Nyobozi y'Akarere. | Igihe cyo |
| **03. Gusuzuma no kwemeza raporo y'ibikorwa bya za Komisiyo zigize Inama Njyanama y'Akarere ka Gicumbi kuva mu kwezi kwa Mutarama -Werurwe 2025** | **03.** Inama Njyanama y'Akarere ka Gicumbi yemeje raporo y'ibyakozwe na za Komisiyo zigize Inama Njyanama y'Akarere na Komite Ngenzuzi imaze kuzikorera ubugororangingo maze isaba Komite Nyobozi y'Akarere gushyira mu bikorwa imyanzuro yemejwe ikubiye muri izo raporo.<br><br>Raporo za Komisiyo na Komite Ngenzuzi zakozwe ziri mugereka wa mbere w'iyi nyandiko. | Komite Nyobozi y'Akarere. | Igihe cyos |
| **3.1. By'umwihariko Inama Njyanama yemeje imyanzuro ya Komisiyo y'Imibereho Myiza y'Abaturage ku buryo bukurikira:** | | | |

| Ingingo zaganiriwe | Imyanzuro yafashwe n'Inama Njyanama y'Akarere | Urwego ruzayishyira mu bikorwa. | Igihe ntareng |
|---|---|---|---|
| **3.1.a. Gusuzuma icyegeranyo cy'ibikenewe mu buzima** no **Gusuzuma ibipimo by'ubuzima no kuganira n'Abayobozi b'Ibigo Nderabuzima bifite amadeni menshi**<br><br>Inama Njyanama yagejejweho ibibazo binyuranye byabonywe mu nzego z'ubuzima mu Karere harimo kuba 10% by'amavuriro mato 74 gusa ariyo akora neza, Ambulance nkeya (14 harimo 5 zishaje cyane), Inyubako zishaje zigomba gusimbuzwa cyangwa gusanwa (Ibigo Nderabuzima bya Miyove, Bwisige, Byumba, Musenyi,..); Ibigo nderabuzima 14/26 ( harimo Ruvune, Cyumba, Giti, Munyinya, Muko, Nyamiyaga, Mukono, Bwisige, Murindi, Musenyi, Manyagiro…) bifite amadeni ari hejuru ya miliyoni icumi (10,000,000 Frw) kugeza kuri miliyoni mirongo itanu n'enye (54,000,000frw) aho bimwe mubigo nderabuzima bivuga ko bitagishoboye kwishyura byonyine ayo madeni ndetse n'ingaruka ziterwa n'ubushobozi buke bwo kugura imiti kwazo bituma abarwayi bahivuriza batabona imiti ahubwo bakoherezwa kuyigurira muri Pharmacies zigenga kandi bafite mutuelle, rimwe na rimwe bamwe bakarembera mu ngo kubera kubura ubushobozi, | **04.** Imaze kumva ibyo bibazo binyuranye yafashe imyanzuro ikurikira:<br><br>**04.a.** Yasabye Komite Nyobozi gusaba Ibitaro bya Byumba na buri kigo nderabuzima gukora gahunda isobanutse igaragaza ingamba n'igihe bizagenda byishyura imyenda (payment plan) igashyikirizwa Inama Njyanama y'Akarere igasuzuma ibibazo byihariye bitakemurwa n'ibigo by'ubuzima ikabikorera ubuvugizi ku nzego bireba;<br><br>**04.b.** Yasabye Komite Nyobozi kugaragaza urutonde rw' ibibazo bya buri kigo nderabuzima harebwa inyubako n' ibikoresho, imyenda bafitiye abandi, imyenda bafitiwe n'inzego bakorana n' igihe babona bigomba kuba byakemutse; | Komite Nyobozi y'Akarere. | Werurwe Kamena 2025 |

**3.2. By'umwihariko Inama Njyanama yemeje imyanzuro ya Komisiyo y'Imiyoborere myiza kuri inzingingo zikurikira:**

| Ingingo zaganiriwe | Imyanzuro yafashwe n'Inama Njyanama y'Akarere | Urwego ruzayishyira mu bikorwa. | Igihe ntareng |
|---|---|---|---|
| Imyanzuro irebana no gusuzuma ibibazo abaturage bagejeje ku Buyobozi bw'Akarere ka Gicumbi bitarabonerwa ibisubizo;<br><br>Imyanzuro no gusuzuma ibibazo byugarije Umurenge wa Rukomo hasesengurwa ingamaba zihari zo kubikemura | **05.** Inama Njyanama imaze kugezwaho raporo ku ngingo zimwe na zimwe zasuzumwe na Komisiyo, yafashe imyanzuro ikurikira:<br><br>**05.a.** Ku kibazo cy'abaturage bahawe ubutaka na Leta ariko kugeza ubu bakaba ntabyangombwa byabwo barahabwa ndetse n'Ikibazo cy'abaturage bafite ubutaka ku mupaka butanditse, Inama Njyanama yasabye Komite Nyobozi gushyiraho gahunda ihamye igaragaza uburyo ibyo bibazo bizacyemurwa, igatanga raporo ku Nama Njyanama y'Akarere mu gihe kitarenze ukwezi kwa Gicurasi 2025;<br><br>**05.b.** Inama Njyanama imaze kugezwaho ibibazo byo murenge wa Rukomo birimo amafaranga ahabwa umurenge/*Frais de fonctionnement* adahagije, Abacuruzi bo muri centre ya Rukomo basaba inkunga Akarere kugira ngo bubake amazu y'ubucuruzi ajyanye n'igihe, Inama Njyanama yasanze ibyo bibazo bireba imirenge myinshi y'Akarere isaba Komite Nyobozi kuzabikorera ubusesenguzi mu mirenge yose, Akarere kakazareba ubushobozi buhari ibyo bibazo bikagira icyo bikorwaho mu kubikemura. . | Komite Nyobozi y'Akarere. | Igihe cy |

**3.3. By'umwihariko Inama Njyanama yemeje imyanzuro ya Komisiyo y'imari n'iterambere ry'ubukungu ku buryo bukurikira:**

| Ingingo zaganiriwe | Imyanzuro yafashwe n'Inama Njyanama y'Akarere | Urwego ruzayishyira mu bikorwa. | Igih ntaren |
|---|---|---|---|
| Mu rwego rwo kongera ibikorwa by'iterambere harebwa icyakongera amahirwe y'ishoramari mu karere ka Gicumbi na nyuma yuko Komisiyo y'imari isuriye ibikorwa by'iterambere ku isanwa ry;'umuhanda Kigali-Gatuna wangiritse ikanaganira n'Umukozi wa RTDA ushinzwe imihanda NDUWAMARIYA Perpetue, Inama Njyanama yashimye icyo gikorwa. | **06.** Inama Njyanama y'Akarere ka Gicumbi yasabye Komite Nyobozi gushaka ahantu hashoboka hashyirwa ibyapa by'imodoka nini zajya zihagararaho ku muhanda Kigali-Gatuna na Rukomo Nyagatare ku bufatanye bw'Akarere na RTDA. | Komite Nyobozi | Werurw Gicurasi 2025 |
| Mu rwego rwo kumenya urutonde rw'imitungo ya Leta ibarizwa mu karere Gicumbi ,hasuzumwe raporo y'ibarura n'ikoreshwa ry'imitungo ya Leta iri mu Karere ka Gicumbi irimo inyubako, Ibikoresho by'ikoranabuhanga,Ibikoresho byo mu biro ,Ibikorwaremezo, imashini, n'ibinyabiziga. | **07.** Inama Njyanama y'Akarere ka Gicumbi yasabye Komite Nyobozi gukora urutonde rw'imitungo yose iri mu karere ka Gicumbi harimo, amazu, imirima n'amashyamaba hagaragazwa n'aho iherereye rukazaboneka mu gihe cy'amezi atatu uhereye igihe iyi nama yabereye. | Komite Nyobozi | Gicurasi 2025 |
| Mu rwego rwo gushyira mu bikorwa inama yahuje Komisiyo y'Imari n'iterambere ryu'ubukungu n'abafatanyabikorwa bo mu nkingi y'ubukungu (Green Gicumbi &ARCOS) ku ruhare rwabo mu kubungabunga ibidukikije no guhangana n'imihindagurikire y'ibihe mu karere ka Gicumbi 2024-2025 & 2025-2026 | **08.** Inama Njyanama y'Akarere ka Gicumbi yasabye Komite nyobozi gukumira abantu bagurisha ubuki mu buryo bunyuze mu nzira zitemewe ahubwo bugakusanyirizwa mu ruganda bugatunganywa neza.<br><br>**09.** Inama Njyanama yasabye Komite nyobozi gukumira ko hasarurwa amashyamba ateze kugirango azagirire akamaro ba Nyirayo ndetse anakomeze kugira uruhare mu kurwanya imihindagurikire y'ibihe. | Komite Nyobozi | 2025-202 |

| Ingingo zaganiriwe | Imyanzuro yafashwe n'Inama Njyanama y'Akarere | Urwego ruzayishyira mu bikorwa. | Igih ntaren |
|---|---|---|---|
| | | | |
| Mu kugezwaho imyiteguro y'igihembwe cy'ihinga 2025B n'ingamba zo gufata neza umusaruro witezwe kuboneka (post-harvest management) mu gihembwe cy'ihinga 2025A aho hagaragajwe kandi ko mu gihembwe cy'ihinga cya 2025A hahinzwe imboga kuri 173.6Ha hakaba biteze kubona umusaruro ungana na Toni 3206 | **10.** Inama Njyanama y'Akarere ka Gicumbi yafashe umwanzuro w'uko hakongerwa imbaraga mu buhinzi bw'imboga n'imbuto hagamijwe kongera umusaruro no kubonera amasoko yungura ubuhinzi babwo bityo bigafasha abahinzi kwiteza imbere no kurwanya imirire mibi n'igwingira mu bana. | Komite Nyobozi | |
| Hasuzumwe ubusabe bw'ikigo cy'ishuri cya *Ecole secondaire Sancta Maria* Karambo yasabaga kwandukuza imyenda mu bitabo by'ibaruramari ikomoka kuri Minerval abanyeshuri batishyuwe kandi akaba arengeje igihe cy'imyaka 2. | **11.** Inama Njyanama y'Akarere ka Gicumbi yafashe umwanzuro wo kwandukura imyenda mu bitabo by'ibaruramari ingana na miriyoni makumyabiri n'imwe n' ibihumbi magana inani na cumi na bine na magana atatu na mirongo inani n'atatu (21,814,383 Rwf) akomoka kuri minerval abanyeshuri batishyuye. ikigo cy'ishuri cya Ecole secondaire Sancta Maria Karambo. | Komite Nyobozi | |
| | | | |
| Hasuzumwe ubusabe bw'Umuyobozi bwa Komite y'Akarere ishinzwe gucunga imitungo yasizwe na bene yo bwo kuwa 03/12/2024 aho yasabaga Inama Njyanama y'Akarere ka Gicumbi kugena abantu 2 basimbura abatakiri mu nshingano. | **12.** Hashingiye ku ngingo ya 2 y'Iteka rya Minisitiri nº003/MOJ/AG/2017 ryo ku wa 07/02/2017 rigena uburyo bwo gucunga imitungo yasizwe na bene yo n'imikoranire y'inzego zigira uruhare mu kuyicunga Inama Njyanama y'Akarere ka Gicumbi yemeje abagomba gushyirwa muri iyo Komite aribo HAKUZWIMANA Iphigenie/ Umujyanama Uhagarariye Inama y'Igihugu y'Abagore (CNF) na HABIMANA Sylvestre/ Land Administrator w'Akarere ka Gicumbi bityo ishyiraho Komite yo ku rwego rw'Akarere igizwe n'abagaragara mu mbonerahmwe ikurikira: | | |

AKARERE KA GICUMBI - INAMA NJYANAMA

| Ingingo zaganiriwe | Imyanzuro yafashwe n'Inama Njyanama y'Akarere | Urwego ruzayishyira mu bikorwa. | Igihe ntareng |
|---|---|---|---|
| | KOMITE YO KU RWEGO RW'AKARERE ISHINZWE GUCUNGA IMITUNGO YASIZWE NA BENE YO | | |

| N$^{O}$ | AMAZINA | ICYO AKORA | URWEGO AHAGARARIYE |
|---|---|---|---|
| 1 | UWERA Parfaite | Perezida wa Komite | Vice Mayor ushinzwe iterambere ry'ubukungu (FED) |
| 2 | MUTANGANA Alain Yves Fabrice | Ugize Komite | Abikorera mu Karere (PSF) |
| 3 | BASESAYOSE Telesphore | Ugize Komite | Urubyiruko mu Karere (CNJ) |
| 4 | HAKUZWIMANA Iphigenie | Ugize Komite | Inama y'Igihugu y'Abagore (CNF) |
| 5 | HABIMANA Sylvestre | Ugize Komite | Land Administrator/ Akarere ka Gicumbi |

**3.4. By'umwihariko Inama Njyanama yemeje imyanzuro ya Komite Ngenzuzi ku buryo bukurikira:**

| | | | |
|---|---|---|---|
| Hasuzumwe imikoreshereze y'amafaranga Akarere kageneye amakipe ari mu Karere mu ngengo y'imari y'uyu mwaka w'Ingengo y'imari 2024-2025 na MoU amakipe yagiranye n'Akarere ko ikurikizwa | **13.** Inama Njyanama yasabye Komite Nyobozi kuvugurura amasezerano (MoU) akaba ay'igihe gito no kujya hatangwa/ hasabwa raporo ku mikoreshereze y'amafaranga yahawe buri kipe mbere yo kugenerwa andi mu ngengo y'imari itaha. | Komite Nyobozi y'Akarere | Igihe cyo |

| Ingingo zaganiriwe | Imyanzuro yafashwe n'Inama Njyanama y'Akarere | Urwego ruzayishyira mu bikorwa. | Igih ntareng |
|---|---|---|---|
| **04. Gusuzuma ishyirwa mu bikorwa ry'Imihigo y'Akarere umwaka wa 2024-2025** | **14.** Inama Njyanama y'Akarere yashimye uko Imihigo y'Akarere umwaka wa 2024-2025 igenda ishyirwa mu bikorwa, aho imihigo 91(77,3%) yashyizwe mu bikorwa 100% naho 21(17,7%) yashyizwe mu bikorwa hagati 75-99%, ikaba isaba Komite Nyobozi gukomeza gukurikirana ishyirwa mu bikorwa ry'imihigo yose kugira ngo izagerweho ku kigero cya 100%. By'umwihariko Inama Njyanama yasabye Komite Nyobozi gukomeza gukorana n'abafatanyabikorwa b'Akarere mu ishyirwa mu bikorwa ry'iyi mihigo, ikihutushwa dore ko hari imihigo Akarere kaba gahuriyeho n'abafatanyabikorwa ariko ikaba ikiri inyuma ni ukuvuga Imihigo iri munsi ya 0-49%: Umuhigo wa 50 uri kuri 4%, umuhigo wa 74 uri kuri 0% n'Imihigo iri hagati ya 50-74.9%: Umuhigo wa 2 uri kuri 72,50%, umuhigo w'100 uri kuri 65,40%, umuhigo wa 105 uri kuri 60%, umuhigo wa 102 uri kuri 66,6%. | Komite Nyobozi y'Akarere | Gashyan - Kam 2025 |
| **05. Gusuzuma icyegeranyo cy'ibyavuye mu Kwezi k'Umujyanama** | **15.** Inama Njyanama yashimye Raporo ikubiyemo icyegeranyo cy'ibikorwa byakozwe mu Kwezi kw'Umujyanama cyabereye mu Mirenge yose uko ari 21 igize Akarere ka Gicumbi cyakozwe ku matariki 21/01/2025, 28/01/2025, na taliki ya 04/02/2025. Nyuma yo kwakira Raporo ikubiyemo icyegeranyo cy'ibikorwa byakozwe mu Kwezi k'Umujyanama, Inama Njyanama yarayemeje ikazagezwa kuri Komite Nyobozi y'Akarere ka Gicumbi igatangira gushyira mu bikorwa ibikubiye muri iyi raporo mu gihe cya | Inama Njyanama &Komite Nyobozi | Igihe cyos |

AKARERE KA GICUMBI - INAMA NJYANAMA

| Ingingo zaganiriwe | Imyanzuro yafashwe n'Inama Njyanama y'Akarere | Urwego ruzayishyira mu bikorwa. | Igihe ntareng |
| --- | --- | --- | --- |
| | vuba cyane cyane ikihutira gukemura ibibazo byagejejwe ku Bajyanama mu kwezi k'Umujyanama. | | |
| **06. Gusuzuma aho imyiteguro yo Kwibuka ku nshuro ya 31 Jenoside yakorewe Abatutsi mu 1994 igeze** | **16.** Inama Njyanama yashimye aho imyiteguro yo Kwibuka ku nshuro ya 31 Jenoside yakorewe Abatutsi mu 1994 igeze, maze isaba Komite Nyobozi gukomeza gukurikirana imyiteguro ibikorwa bijyanye no gusukura Inzibutso za Jenoside yakorewe Abatutsi mu 1994 ziri hirya no hino mu Karere, gukomeza kwegeranya ibimenyetso bijya mu Rwibutso no kubungabunga ibimenyetso bihari, gukomeza gukangurira abaturage kwitabira ibikorwa byo Kwibuka ku nshuro ya 31 Jenoside yakorewe Abatutsi mu 1994, birinda amacakubiri n'ingengabitekerezo ya Jenoside. | Inama Njyanama y'Akarere & Komite Nyobozi | Igihe cyo |
| **07. Gusuzuma no kwemeza amabwiriza:**<br><br>**a. Amabwiriza agenga imikorere y'Utubari n'ubundi bucuruzi bujyanye n'imyidagaduro mu Karere ka Gicumbi;**<br>Hasuzumwe umushinga w'amabwiriza agenga amasaha yo gufungura no gufunga utubari n'inzu z'imyidagaduro mu karere ka Gicumbi hagamijwe gushyiraho no Kumenyekanisha amasaha yo gufungura no gufunga utubari;Gukumira ibikorwa byo guhindura urunywero Boutique, Super market, Liquor store, Cantine na Restaurent; Gukomeza ubukangurambaga bwa | **17.** Inama Njyanama y'Akarere yemeje aya mabwiriza isaba kuyamenyekanisha kubo bireba bose akimara kwemezwa no gukurikirana ishyirwa mu bikorwa ryayo no kuba hafi abagira ingorane hagashakwa ibisubizo.<br>. | Inama Njyanama y'Akarere & Komite Nyobozi | Igihe cyo |

| Ingingo zaganiriwe | Imyanzuro yafashwe n'Inama Njyanama y'Akarere | Urwego ruzayishyira mu bikorwa. | Igih ntaren |
|---|---|---|---|
| TUNYWELESS mu Karere; Kubungabunga ubuzima bwiza, umudendezo n'umutekano w'abatuye n'abagana Akarere ka Gicumbi; Kubahiriza amasaha | | | |
| **b. Amabwiriza agenga imicungire y'amasoko mu Karere ka Gicumbi;**<br>Hasuzumwe umushinga w'amabwiriza agenga imicungire y'amasoko mu karere ka Gicumbi hagamijwe kunoza imikorere n'imicungire by'amasoko ari mu Karere ka Gicumbi, no gushyiraho ingamba zituma abaturage bagira uruhare mu gufata neza ibikorwa remezo byubatswe mu masoko, umutekano w'abantu n'ibintu byabo mu masoko, ndetse no gutsura ubuziranenge bw'ibicururizwa mu masoko hagamijwe guteza imbere ubuzima bwiza bw'abaturage n'iterambere ry'ubukungu muri rusange | **18.** Inama Njyanama y'Akarere yemeje aya mabwiriza isaba kuyamenyekanisha kubo bireba bose no gukurikirana ishyirwa mu bikorwa ry'aya mabwiriza haherewe cyane ku masoko manini wasangaga amwe muri yo adacunzwe neza.<br><br>**19.** Inama Njyanama yasabye ko kwifashisha aya mabwiriza hakavugururwa imikorere y'amasoko mato/selling points uhereye kuri Komite zihariye zizaba zatowe bagashishikariza bagenzi babo kuyakoreramo. | | |
| **c.Amabwiriza agenga imicungire y'amarimbi mu Karere ka Gicumbi**<br><br>Hasuzumwe umushinga w'amabwiriza agenga imicungire y'amarimbi mu karere ka Gicumbi hagamijwe kunoza imikorere n'imicungire y'amarimbi ari mu Karere ka Gicumbi, gushyiraho ingamba zituma abaturage bagira uruhare mu kuyicungira no kwishakamo ibisubizo ku marimbi asanzwe akoreshwa cyangwa azashyirwaho nyuma. | **20.** Inama Njyanama y'Akarere yemeje agenga imicungire y'amarimbi mu karere ka Gicumbi isaba kuyamenyekanisha kubo areba bose akimara kwemezwa, gukurikirana ishyirwa mu bikorwa ryayo.<br><br>Amabwiriza yemejwe n'Inama Njyanama ari kumugereka wa II | | |

| Ingingo zaganiriwe | Imyanzuro yafashwe n'Inama Njyanama y'Akarere | Urwego ruzayishyira mu bikorwa. | Igih ntaren |
|---|---|---|---|
| | | | |

Inama Njyanama yasoje imirimo saa kumi n'imwe z'umugoroba ( 17:00pm)

Bikorewe i Gicumbi kuwa 31 Werurwe 2025

**Umwanditsi w'inama**

**UWIZERA Marie Aline**
Umunyamabanga w'Inama Njyanama y'Akarere.

**Umuyobozi w'inama**

**NTAGUNGIRA Alexis**
Perezida w'Inama Njyanama y'Akarere ka Gicumbi.